Medicaid irahinduka guhera ku wa 1 Ukwakira 2026 ku bantu bamwe bakuru batari abenegihugu ba U.S., kubera impinduka mu mategeko ya federasiyo

Abantu bamwe bazatakaza ubwishingizi. Reba niba nawe bireba.

Ese ibi birandeba?

Uzakomeza kugira Medicaid niba uri:

- umunyagihugu wa U.S. cyangwa umuntu witwa U.S. national
- umwimukira wa COFA (COFA Migrant)
- Umunyakuba cyangwa Umunyahaiti wemerewe kwinjira (Cuban/Haitian Entrant)
- utwite
- ufite munsi y'imyaka 19
- ufite Green Card (Lawful Permanent Resident)
  - ufite Green Card nibura imyaka 5
  - cyangwa utagomba gutegereza imyaka 5 kubera ubusonerwe

Ushobora gutakaza Medicaid niba uri:

- impunzi cyangwa umuntu wahawe ubuhungiro (asylee) udafite Green Card
- Parolee (wemerewe kuba muri U.S. by'agateganyo)
- uwarokotse icuruzwa ry'abantu cyangwa uwo mu muryango we wujuje ibisabwa
- umuntu ufite dosiye y'ubwimukira ikiri gusuzumwa

Uzamenya ute niba uzakomeza cyangwa uzatakaza ubwishingizi?

- Nebraska DHHS izasuzuma dosiye yawe.
- DHHS izakohererereza ibaruwa niba ikeneye andi makuru, cyangwa niba Medicaid yawe igiye kurangira.
- Iyo baruwa izakubwira icyo ugomba gukora.

Niba utwite:

599 CHIP ni gahunda igenewe abantu batwite badafite ubwishingizi bw'ubuzima, kandi yishyura ubuvuzi bwo mu gihe cyo gutwita no kubyara.

Niba ufite ikibazo cy'ubuzima cyihutirwa:

Gahunda yitwa EMSA ishobora gufasha kwishyura ubuvuzi bwo mu cyumba cy'ibyihutirwa. EMSA ntiyishyura gusura muganga bisanzwe cyangwa ubuvuzi bukomeza.





Sikana hano kugira ngo ubone andi makuru

Omaha Refugee Task Force

Hindura urupapuro ubone ahandi wakura ubufasha.

Ibyo ushobora gukora ubu:



Vugurura amakuru DHHS ikoresha kukugeraho

Tanga aderesi na nimero ya telefoni ukoresha ubu.

- Kuri interineti: iserve.nebraska.gov
- Hamagara 855.632.7633
- Jya ku biro bya DHHS bikwegereye



Fungura amabaruwa yose aturutse muri DHHS

DHHS izakohereza ibaruwa:

- niba ikeneye andi makuru, cyangwa
- niba Medicaid yawe igiye kurangira

Fungura ibaruwa yose kandi ukurikize amabwiriza ako kanya.



Menyesha DHHS impinduka

Menyesha DHHS niba ubu warabaye umunyagihugu wa U.S.; ufite uburenganzira bwo gutura burundu (Lawful Permanent Resident); uri Cuban/Haitian Entrant; COFA Migrant; cyangwa utwite.

Hamagara DHHS: 855.632.7633 cyangwa ujye ku biro bya DHHS bikwegereye ubamenyeshe impinduka zawe.

Niba utakaje Medicaid, ushobora gukomeza kubona ubuvuzi:

Shaka ikigo cy'ubuzima kiri hafi yawe. Ibi bigo bitanga ubuvuzi rusange, ubuvuzi bw'amenyo, n'ubuvuzi bw'ubuzima bwo mu mutwe n'imyitwarire ku buntu cyangwa ku giciro gito:

hcanebraska.org/health-centers/find-health-center/

- **OneWorld Community Health Centers:** 402.734.4110
- **Charles Drew Health Center:** 402.451.3553

Aya mavuriro na yo atanga ubuvuzi ku buntu cyangwa ku giciro gito mu gace ka Omaha:

- **Healing Gift Free Clinic at Kountze Commons:** 402.614.4357 - hanyuma ukande 1
- **Heart Ministry Center Monen Healthcare Clinic:** 402.932.4887
- **Methodist Community Health Clinic:** 402.354.3198
- **Magis Clinic:** 402.881.0143
- **SHARING Clinic:** 402.559.7200 - saba SHARING Clinic cyangwa uvuge "free clinic"

Bona amakuru n'ubufasha:

- Hamagara Nebraska Medicaid: 1.855.632.7633 cyangwa 402.595.1178 muri Omaha
- Jya ku biro bya DHHS bikwegereye: dhhs.ne.gov/Pages/Public-Assistance-Offices.aspx
- Hamagara umurongo w'amakuru wa Douglas County Health Department: 402.444.3400. Abasemuzi barahari.

Omaha Refugee Task Force

Sikana hano kugira ngo ubone ikigo cy'ubuzima kiri hafi yawe